REPUBLIKA Y'U RWANDA

MINISITERI YA SIPORO N'UMUCO

ITANGAZO RIGENEWE ABANYAMAKURU

Ministeri ya Siporo n'Umuco ifatanyije n'Inteko Nyarwanda y'Ururimi n'Umuco iramenyesha Abanyarwanda bose ko ibirori byo kwizihiza Umuganura 2019 mu Rwanda bizaba kuwa gatanu tariki ya 2 Kanama 2019. Nk'uko bisanzwe, uyu Muganura uzizihirizwa ku rwego rw'Igihugu mu Karere ka Nyanza mu Ntara y'Amajyepfo.

Insanganyamatsiko y'Umuganura 2019 iragira iti: **"Umuganura, isôoko y'ubumwe n'ishingiro ryo kwigira".** Iyi nsanganyamatsiko ikaba ishingiye ku ndangagaciro z'umuco w'u Rwanda zijyanye no kwizihiza umuganura ari zo: **Gukunda Igihugu, Ubumwe, Ubupfura n'Umurimo**.

Kwizihiza uyu munsi bizabanzirizwa n'Icyumweru cy'Umuganura kizatangira ku wa **29 Nyakanga 2019** kizarangwa n'ibikorwa bitandukanye by'ubuhanzi bizabimburirwa n'umutambagiro mu Mujyi wa Kigali, kizaba kigizwe kandi n'ibikorwa by'ubukangurambaga bugamije gukangurira no gukundisha Abanyarwanda umuco wabo, imurikagurisha ry'ibikorwa by'umuco n'ubuhanzi muri Car Free Zone, ndetse tariki ya 1 Kanama 2019 gisozwe n'umutambagiro uzakurikirwa n'igitaramo cy'Umuganura **« I Nyanza Twataramye »** kizabanziriza umunsi w'Umuganura mu Karere ka Nyanza.

Ministeri ya Siporo n'Umuco iributsa Abanyarwanda ko Umuganura uzizihizwa mu nzego zitandukanye ari zo:

- Ku rwego rw'Igihugu, urw'Akarere n'urw'Umudugudu ni ku itariki ya 02 Kanama 2019,
- Ku rwego rw'Umuryango ni ku wa 03 cyangwa ku wa 04 Kanama 2019,
- Ku rwego rwa "Diaspora" no mu Mashuri uzizihizwa bitarenze tariki ya 31 Kanama 2019.

Amahoro National Stadium, Remera B.P. 1044 – KIGALI Tél : (+250) 788196300/ Hotline: 5858
E-mail : info@minispoc.gov.rw Website: www.minispoc.gov.rw

Usibye ibirori bizizihizwa muri izi nzego, Minisiteri ya Siporo n'Umuco irashishikariza Ibigo bya Leta n'iby'abikorera kwizihiza uyu munsi w'Umuganura mu rwego rwo kwishimira ibyiza byagezweho muri izo nzego no mu Gihugu muri rusange.

Kwizihiza Umuganura ni uguha agaciro umuco w'u Rwanda. Icyumweru cy'Umuganura gihuza abayobozi n'abayoborwa, abana, urubyiruko n'abakuru, bagasabana bishimira ibyo bagezeho, bagafata n'ingamba zo kubisigasira hagamijwe kubyubakiraho mu iterambere rirambye. Bityo umuco ukomeze ube ishingiro ry'ubumwe bw'Abanyarwanda.

Minisiteri ya Siporo n'Umuco yifurije Abanyarwanda bose n'inshuti z'u Rwanda umunsi mwiza w'Umuganura 2019.

Bikorewe i Kigali tariki ya 22/07/2019

MINISITERI YA SIPORO N'UMUCO

NYIRASAFARI Espérance
Minisitiri